

ITEKA RYA MINISITIRI  
N°008/2016/Mineduc RYO KU WA 14/11/2016  
RIGENA AMABWIRIZA YEREKEYE  
ISHYIRWAHO RY'AMACUMBI  
Y'ABANYESHURI MU MASHURI ABANZA  
N'AYISUMBUYE

MINISTERIAL ORDER N°008/2016/Mineduc  
OF 14/11/2016 PROVIDING  
INSTRUCTIONS FOR ESTABLISHING  
THE BOARDING SYSTEM IN PRIMARY  
AND SECONDARY SCHOOLS

ARRETE MINISTERIEL N°008/2016/Mineduc  
DU 14/11/2016 PORTANT INSTRUCTIONS  
DE MISE EN PLACE DU SYSTEME  
D'INTERNAT DANS LES ECOLES  
PRIMAIRES ET SECONDAIRES

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier:** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Amacumbi mu mashuri abanza

**Article 2:** Boarding system in primary schools

**Article 2:** Système d'internat dans des écoles primaires

**Ingingo ya 3:** Amacumbi mu mashuri yisumbuye

**Article 3:** Boarding system in secondary schools

**Article 3:** Système d'internat dans des écoles secondaires

**Ingingo ya 4:** Igihe cyo guhuza imikorere n'ibiteganywa n'iri teka

**Article 4:** Time limit for complying with the provisions of this Order

**Article 4:** Délai pour se conformer aux dispositions du présent arrêté

**Ingingo ya 5:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 5:** Repealing provision

**Article 5:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 6:** Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

**Article 6:** Commencement

**Article 6:** Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N°008/2016/Mineduc RYO KU WA 14/11/2016 RIGENA AMABWIRIZA YEREKEYE ISHYIRWAHO RY'AMACUMBI Y'ABANYESHURI MU MASHURI ABANZA N'AYISUMBUYE**

**MINISTERIAL ORDER N°008/2016/Mineduc OF 14/11/2016 PROVIDING INSTRUCTIONS FOR ESTABLISHING THE BOARDING SYSTEM IN PRIMARY AND SECONDARY SCHOOLS**

**ARRETE MINISTERIEL N°008/2016/Mineduc DU 14/11/2016 PORTANT INSTRUCTIONS DE MISE EN PLACE DU SYSTEME D'INTERNAT DANS LES ECOLES PRIMAIRES ET SECONDAIRES**

**Minisitiri w'Uburezi;**

**The Minister of Education;**

**Le Ministre de l'Education ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015 spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 23/2012 ryo ku wa 15/06/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Amashuri y'Incuke, Abanza n'Ayisumbuye, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;

Pursuant to Law n° 23/2012 of 15/06/2012 governing the organization and functioning of Nursery, Primary and Secondary Education, especially in Article 4;

Vu la Loi n° 23/2012 du 15/06/2012 portant organisation et fonctionnement de l'Education Préscolaire et de l'Enseignement Primaire et Secondaire, spécialement en son article 4;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/05/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 14/05/2015

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/05/2015

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDER:**

**ORDONNE:**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rishyiraho amabwiriza ngenderwaho mu ishyirwaho ry'amacumbi y'abanyeshuri mu mashuri abanza n'ayisumbuye y'inyigisho rusange.

This Order provides instructions governing the establishment of the boarding system in primary and secondary schools of general education.

Le présent arrêté porte instructions de mise en place du système d'internat dans les écoles primaires et secondaires d'enseignement général

**Ingingo ya 2: Amacumbi mu mashuri abanza**

Mu mashuri abanza ya Leta, ahuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano n'ayigenga abanyeshuri bose biga bataha.

Icyakora, iyo hari impamvu zituma habaho abana badashobora kwiga bataha iwabo, Akarere gasaba mu nyandiko Minisiteri ifite uburezi mu nshingano zayo kubemerera kwiga bacumbikiwe n'ishuri na yo ikabifatira icyemezo ishingiye kuri raporo yakozwe n'ikigo gifite ireme ry'uburezi mu nshingano zacyo.

**Ingingo ya 3: Amacumbi mu mashuri yisumbuye**

Mu mashuri yisumbuye ya Leta, ahuriweho na Leta n'abikorera ku bw'amasezerano n'ayigenga abanyeshuri biga bataha iwabo cyangwa bacumbikiwe ku ishuri.

Amategeko ngengamikorere y'ishuri ryisumbuye, yemejwe n'Inteko Rusange y'ishuri, akena ibyerekeye imicungire y'amacumbi harimo:

- 1° inshingano z'ababyeyi bafite abanyeshuri bacumbikiwe ku ishuri;
- 2° imibereho, imyifatire n'imyitwarire by'abanyeshuri bacumbikiwe n'ishuri;

**Article 2: Boarding system in primary schools**

In public primary schools, Government subsidized primary schools and private primary schools, all pupils are day scholars.

However, where there are reasons that make it impossible for some children to study and return home, the District requests in writing to the Ministry in charge of education to allow the school to create a boarding system, and the Ministry takes a decision the basis of the report of the public institution in charge of education quality.

**Article 3: Boarding system in secondary schools**

In public secondary schools, Government subsidized secondary schools and private secondary schools, students are either day scholars or boarders.

Internal rules and regulations of a secondary school approved by the School General Assembly determines the rules for management of the boarding arrangements including:

- 1° responsibilities of parents with students who are boarders at the school;
- 2° living conditions and discipline of students at the boarding school;

**Article 2: Système d'internat dans des écoles primaires**

Dans des écoles primaires publiques, conventionnées et privées tous les élèves sont externes.

Cependant, lorsqu'il y a des motifs pour lesquels certains enfants ne peuvent pas étudier en rentrant à la maison, le District demande par écrit au Ministère ayant l'éducation dans ses attributions de permettre à l'école de créer un internat, et le Ministère prend la décision sur base du rapport de l'établissement public ayant la qualité de l'éducation dans ses attributions.

**Article 3: Système d'internat dans des écoles secondaires**

Dans les écoles secondaires publiques, conventionnées et privées les élèves sont soit externes ou internes.

Le règlement d'ordre intérieur de l'école secondaire approuvé par l'Assemblée Générale de l'école détermine les modalités de gestion de l'internat dont :

- 1° les responsabilités des parents ayant les élèves dans l'internat ;
- 2° les conditions de vie et discipline des élèves à l'internat ;

*Official Gazette n° 46 of 14/11/2016*

- |   |  |   |
|---|--|---|
| 3° inshingano z'ubuyobozi bw'ishuri;        | 3° responsibilities of the administration of the school; | 3° les responsabilités de l'administration de l'école ; |
| 4° umutekano w'aho abanyeshuri bacumbikiwe; | 4° security at the boarding house;                       | 4° la sécurité à l'internat ;                           |
| 5° abakozi n'ibikoresho bikenewe.           | 5° staff and necessary logistics.                        | 5° le personnel et logistique nécessaire.               |

**Ingingo ya 4: Igihe cyo guhuza imikorere n'ibiteganywa n'iri teka**

Amashuri abanza asanzwe acumbikira abanyeshuri ahawe igihe kitarenze imyaka itatu (3) uherye ku muni iri teka ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo abe yahuje imikorere yayo n'ibiteganywa n'iri teka.

**Ingingo ya 5: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 6: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 14/11/2016

**Article 4: Time limit for complying with the provisions of this Order**

Primary schools a having boarding system are given a period not exceeding three (3) years from the date this Order is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, in order to comply with the provisions of this Order.

**Article 5: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

**Article 6: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 14/11/2016

**Article 4: Délai pour se conformer aux dispositions du présent arrêté**

Il est octroyée aux écoles primaires ayant un système d'internat un délai ne dépassant pas trois (3) ans à compter du jour de la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda pour se conformer aux dispositions du présent arrêté.

**Article 5: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 6: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 14/11/2016

*Official Gazette n° 46 of 14/11/2016*

(sé)  
**MUSAFIRI MALIMBA Papias**  
Minisitiri w'Uburezi

(sé)  
**MUSAFIRI MALIMBA Papias**  
Minister of Education

(sé)  
**MUSAFIRI MALIMBA Papias**  
Ministre de l'Education

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya  
Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)  
**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux